

IMYANZURO Y'INAMA YA 17 Y'INTEKO RUSANGE Y'ISHYIRAHAMWE RY'UTURERE N'UMUJYI WA KIGALI MU RWANDA (RALGA) YABAYE KU ITARIKI YA 9 KAMENA 2012

Inama y' Inteko Rusange ya 17 y' Ishyirahamwe ry' Uturere n' Umujyi wa Kigali mu Rwanda (RALGA) yateranye kuwa 9 Kamena 2012, mu cyumba cy' inama cya Hoteli Serena, mu Karere ka Nyarugenge, mu Mujyi wa Kigali, iyobowe na Bwana KANGWAGYE Justus, Perezida wa RALGA.

Iyo nama yitabiriwe n' Abanyamuryango ba RALGA bahagarariye Uturere n' Umujyi wa Kigali ndetse n' intumwa zihagarariye imiryango y' inzego z' ibanze mu bindi bihugu aribo:

1. Mr. Xolile George, CEO/SALGA
2. Ms. Khethekile Mathonsi, Director of Municipal International Relations/SALGA
3. Mayor Eliot Kihusa, Second Vice Chairperson/ALGAK
4. Ms Joyce Nyambura, Communication Programme Officer/ALGAK
5. Cllr. Daniel Okoka, Vice Chairman/ALAT
6. Mr. Cleophas Manyangu, Legal Officer/ ALAT

Inama y' Inteko rusange yemeje ingingo zari ku murongo w' ibyigwa arizo zikurikira :

1. Kwemeza inyandikomvugo y' inama y' Inteko Rusange yo kuwa 10/12/2011
2. Ibikorwa by' ingenzi byakozwe n' imikoreshereza y' ingengo y' imari mu mwaka wa 2011-2012
3. Raporo ya Komite Ngenzuzi
4. Gahunda y' Ibikorwa n' Ingengo y' Imari 2012-2013
5. Kugaragaza imishinga RALGA iteganya n' uburyo bwo kuyishyira mu bikorwa
6. Kuvugurura sitati ya RALGA
7. Amatora yo kuzuzza Komite Nyobozi



Nyuma yo kwiga ingingo zose zari ku murongo w'ibiyigwa, inama y'Inteko Rusange ya RALGA yafashe imyanzuro ikurikira :

1. Inama y' Inteko Rusange yemeje inyangikomvugo y'inama y'Inteko Rusange yo kuwa 10/12/2011 kandi ishima uko imyanzuro y'iyo nama yashyizwe mu bikorwa imaze kuyitangaho ibitekerezo;
2. Inama y'Inteko Rusange yemeje ko ku rwego rwa RALGA hashyirwaho Komite y'Inararibonye (eminent personalities) igenewe gukemura impaka n'amakimbirane ndetse no kujya inama hagamijwe imikorere inoze y'inzego z'ibanze,
3. Inama y'Inteko Rusange yemeje ko ibirarane abanyamuryango babereyemo LG Consult Ltd byatinze kwishyurwa byakwishyurwa bitarenze ku italiki ya 31 Kanama 2012,
4. Inama y'Inteko Rusange yasabye Ubunyamabanga Bukuru bwa RALGA gushyira mu bikorwa umwanzuro ujyanye n'inyigo kuri ruswa mu nzego z'ibanze nkuko wemejwe mu nama y'Inteko yo kuwa 10/12/2011;
5. Inama y'Inteko Rusange yasabye Ubunyamabanga Bukuru bwa RALGA gukora ubuvugizi kuri MIFOTRA kugirango inyangidiko (evaluation form) ikoreshwa mu isuzuma ry'imikorere y'umukozi inozwe kandi irushaho gufasha mu kunoza imikorere;
6. Inama y'Inteko Rusange irasaba Ubunyamabanga Bukuru bwa RALGA gukora ubuvugizi kugirango itegeko rigena itangwa ry'akazi muri Leta rinozwe rihuzwe n'imiterere y'inzego z'ibanze;
7. Inama y'Inteko Rusange yasabye Komite Nyobozi gushyiraho ingamba zatuma raporo za "recruitment" zikorwa na RALGA ziboneka mu gihe cyagenwe n'amategeko bityo abanyamuryango barushaho kunogerwa na serivisi bahabwa muri uru rwego;
8. Inama y'Inteko Rusange yemeje ko Ubunyamabanga Bukuru bwa RALGA bushyiraho urubuga ruhurirwaho n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari mu rwego rwo kubaha umwanya wo gutanga ibitekerezo ku miyoborere y'igihugu ndetse no ku migendekere y'akazi ku rwego bahagarariye;
9. Inama y'Inteko Rusange yemeje inyangidiko y'ibikorwa by'ingenzi byakozwe n'imikoreshereze y'ingengo y'imari mu mwaka wa 2011-2012 imaze kuyitangaho ibitekerezo,



10. Inama y'Inteko Rusange yemeje Raporo ya Komite Ngenzuzi imaze kuyitangaho ibitekerezo,
11. Inama y'Inteko Rusange yemeje gahunda y'Ibikorwa n'Ingengo y'Imari 2012-2013 imaze kuyitangaho ibitekerezo;
12. Inama y'Inteko Rusange yemeje ko umusanzu utangwa n'abanyamuryango wiyongera ukaba miliyoni makumyabiri n'eshanu z'amafaranga y'u Rwanda (25.000.000 Frw) guhera mu mwaka w'ingengo y'imari 2012-2013;
13. Inama y'Inteko Rusange yemeje inyandiko igaragaza imishinga RALGA iteganya mu rwego rwa LG Institute na LG Consult Ltd n'uburyo bwo kuyishyira mu bikorwa imaze kuyitangaho ibitekerezo;
14. Inama y'Inteko Rusange yemeje ingingo zagenderwaho mu ivugururwa rya Sitati nshya ya RALGA itegurwa ku buryo izemezwa mu nama yayo itaha;
15. Inama y'Inteko Rusange irasaba ko mu rwego rwo kunoza urwego rw'ubugenzuzi, umwanya wa "Internal Auditor" wagenewe uburyo bunozwe bw'imikorere;
16. Mu rwego rwo kuzuza Komite Nyobozi:
 - Inteko Rusange ya RALGA yemeje ko amatora y'umwe mu bagize Komite Nyobozi ahagararirwa n'aba bakurikira:
 - o Madamu RWAKAZINA Marie Chantal, Umuyobozi
 - o Madamu BIGIRIMANA Consolate, Umugenzuzi
 - o Bwana NTASHAMAJE SONGA Claude, Umugenzuzi
 - o Bwana NDIRAMIYE Laurent, Umugenzuzi
 - o Madamu UWIMANA Josephine, Umugenzuzi
 - o KAZUNGU Patrick, Umwanditsi
 - Inteko Rusange ya RALGA yatoye kandi yemeza ko Bwana NAMBAJE Aphrodise abaye Perezida wa Komisiyo y'Imibereho Myiza y'Abaturage asimburira Bwana NIYOTWAGIRA François utakiri mu nzego z'ibanze;
17. Inteko Rusange yemeje imyanzuro y'inama yayo imaze kuyikorera ubugororangingo.



A handwritten signature in blue ink, consisting of a stylized 'A' followed by a flourish.


GUSHIMIRA

1. Inteko Rusange ya RALGA irashimira Komite Nyobozi na Komite Ngenzuzi ku murimo mwiza bakoze muri uyu mwaka wa 2011-2012;
2. Inteko Rusange ya RALGA irashimira abitabiriye iyi nama y'Inteko Rusange, abanyamuryango ndetse n'abashyitsi bavuye muri ALGAK, ALAT na SALGA cyane cyane mu bitekerezo byubaka batanze.

Bikorewe i Kigali, ku wa 9 Kamena 2012

Umwanditsi w'inama

Cllr. Christine NIWEMUGENI



Umuyobozi w'inama

Cllr. Justus KANGWAGYE

